IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MINISITIRI W'INTEBE, BWANA MAKUZA BERNARD MU GUFUNGURA KU MUGARAGARO IKIGO CY'AMAHUGURWA CYA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE KIRI NKUMBA NO GUTANGIZA AMAHUGURWA Y'ABAGIZE BIRO ZA NJYANAMA Z'UTURERE

NKUMBA, 17 Werurwe 2006

- **Ba Nyakubahwa Ba Minisitiri,**
- **Nyakubahwa Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru,**
- **Banyakubahwa Basenateri**
- **Banyakubahwa Badepite**
- **Nyakubahwa Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge n'Abakomiseri bandi mufatanya**
- **Banyakubahwa Muhagarariye ibihugu byanyu mu Rwanda**
- **Bayobozi mugize Biro za Njyanama z'Uturere**
- **Banyacyubahiro muri Hano**

Mbanje kubasuhuza mu ndamutso nziza ikoreshwa n'abatuye kimwe muri aka gace k'iyi Ntara igira iti « **Mugire amahoro, ubworoherane, ubumwe n'ubwiyunge !** »

Nishimiye uyu mwanya
wo kwifatanya namwe mwese
mwitabiriye uyu munsi
wo **gufungura ku mugaragaro**
iki kigo cy'amahugurwa cya Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge hano i **Nkumba** muri aka karere ka Burera.

Nkaba ngirango mumfashe dushimire abagize igitekerezo cyiza
cyo gushyiraho iki kigo cy'amahugurwa kigamije **umuco w'amahoro n'ubuyobozi bwiza**, kimwe n'abagize uruhare mu buryo butandukanye kugirango kibe gihagaze neza
uko tukibona uku nk'uko twakimurikiwe.

By'umwihariko navuga nka

- **Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge** , kuba yaratekereje gushyiraho iki kigo.
  Ndetse hagatoranywa koko
  ahantu heza hakwiranye nacyo,
  hatuje, hari amafu
  kandi hahumeka koko amahoro.

- Hali kandi **Umuryango w'Ubumwe bw'ibihugu by'i Burayi**,
  kubera inkunga ikomeye watanze
  muri iki gikorwa.
  Iki ni kimwe mu bikorwa byinshi duhuriyeho, dukesha umubano mwiza
  uri hagati y'u Rwanda n'Ibihugu
  bigize uyu muryango.

Banyacyubahiro,

Nk'uko tubizi twese, kandi tukaba tudahwema kubigarukaho
amateka y'imiyoborere mibi mu Rwanda, ishingiye ku macakubiri n'ivangura
mu mugambi wa jenoside
wasohojwe muri 1994,
byateye IGIHOMBO
cyangwa ICYUHO gikabije
uhereye ku bantu ubwabo,
ukagera ku ngaruka
zo mu rwego rwa politiki n'ubukungu,
ariko cyane cyane KOTOTERA
ubumwe bw'abanyarwanda.

Niyo mpamvu Guverinoma yashyizeho gahunda zigamije guteza imbere imibanire myiza y'Abanyarwanda
ishingiye mbere na mbere
ku kwubaha ubuzima bwa buri wese, koroherana no guca umuco wo kudahana.

Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge rero ikaba ikwiye gushimirwa uruhare ikomeje kugira, kuva yajyaho kugeza ubu,
mu gufasha abanyarwanda ubwacu gushaka inzira yo kwongera kwiyumva nk'abanyarwanda n'inyungu dufitemo mu kwubaka igihugu cyacu.

Ngirango nyuma y'amahano yabaye mu Rwanda, twari kuba twibeshye iyo dushaka kworosaho, ntidushyireho

- gahunda nk'izo z'ibiganiro no gusesengura icyatumye ubumwe bwacu buhungabanywa
- no kurebera hamwe uko bwakongera guhabwa agaciro n'umwanya mu gushimangira umuco w'amahoro n'ubuyobozi bwiza.

Ibyo rero twabyihayeho intego, mu kwubaka inzego zinyuranye z'imiyoborere y'igihugu ariko by'umwihariko ku bijyanye n'ibikorwa na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge harimo ingando no **guhugura** abantu b'ingeri zinyuranye mu byerekeye

- **uburere mboneragihugu**,
- kurandura **ingengabitekerezo ya jenoside**,
- kwigisha **umuco wo gukumira no gukemura amakimbirane** binyuze mu mahoro,
- gukoresha **ibiganiro mpaka** ku bumwe n'ubwiyunge

- **ubukangurambaga** ndeste n'**ubushakashatsi** ku bumwe bw'abanyarwanda.

Mu by'ukuri rero, iki kigo kikaba kije gikenewe kuko kizafasha Komisiyo gusohoza inshingano yahawe.

Ariko na none buri wese nk'umunyrwanda, agomba guhora yiyumvisha ko
Umugambiw'ubumwen'ubwiyunge,umurebaugarura icyizere hagati y'abanyarwanda, ugashimangira amahoro dufite,
ari byo nkingi y'iterambere twiyemeje gushyikira mu cyerekezo 2020
Kandi, abayobozi bakabigiramo uruhare fatizo kuko nyine bayobora abaturage,

- bakabafata kimwe
- ko bose bafite uburenganzira bungana ku gihugu no ku byiza byacyo
- bakumva ko bafite aho bajya hamwe, kandi hagomba kuba heza
- mbese bakarangazwa imbere n'icyatuma abo bayobora
  (abo babereyeho muri make)
  bajya mbere aho kubashora mu mwiryane nk'uko twabiboneye mu mateka bikaba byaragize n'ingaruka ku cyizere cy'abaturage mu buyobozi
  kandi icyabiteye si ikindi,
  ni uko abayobozi batabaye abayobozi bashishikajwe n'amahoro n'iteramebere ry'abo bayobora.

Ubu rero, tubona ari ngombwa ko
Abayobozi bagira igihe cyo gutegurwa, guhugurwa no kungurana ibitekerezo
ku bijyanye n'inshingano zabo

n'aho baganisha abo bayobora banashingiye ku muco w'amahoro kugirango nabo babashe kubitoza abo bashinzwe.

Kuri uyu munsi wo gufungura ku mugaragaro iki kigo, biri mahire ko, hatangiye amahugurwa
y'abagize biro ya za njyanama
mu turere twose tw'igihugu.
Nkaba nishimiye ko , nyuma y'amatora turangije hateganijwe amahugurwa nk'aya
ku bayobozi bafite inshingano zikomeye
kandi twese dutezeho byinshi.

Bayobozi ba Njyanama muteraniye hano, ndagirango nongere mbashimire
ko mwemeye ikizere mwagiriwe n'abaturage bakabashinga imirimo y'ubuyobozi.
Ibyo ndakeka ko bishingiye ahanini
kucyo abaturage babatoye bababonamo
kandi mwiyemeje kuzabagezaho.
Dushingiye ku bikubiye mu mategeko agena imiterere, imitunganyirize n'imikorere y'akarere n'umujyi wa Kigali
by'umwihariko ku bijyanye n'inshingano zanyu, bigaragaza koko ku buryo budasubirwaho Gahunda ya Guverinoma yo kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi, **kuko** mwahawe ububasha mbasaba gutekerezaho no gukoresha uko bikwiye.
Mufite inshingano zo **gufata ibyemezo**, **gufata ingamba** no **gutanga amabwiriza** mu nzego zinyuranye z'iterambere ry'akarere kanyu.

- Ni mwe mushinzwe kwubahiriza Amategeko n'ubuyobozi bushingiye kuri demokarasi.
- Mushinzwe gushyira mu bikorwa ibyemezo byafashwe na Leta

- ❖ Mushinzwe gufata ibyemezo byo kubungabunga umutekano
- ❖ Gushyiraho abakozi bafasha abaturage no gukurikirana imirimo ya Nyobozi
- ❖ Kumenya ibirebana n'imari, umutungo na gahunda z'iterambere, ubuhinzi n'ubworozi, ubucuruzi
- ❖ Kwita ku burezi, ubuvuzi, n'ibindi

Inshingano zanyu ni nyinshi kandi wenda ntizoroshye, ariko ni **mwe** abaturage babonyemo ubushobozi bwokuzisohoza.
Ni mwe rero hamwe na Nyobozi bashyize ku ruhembe rw'iterambere ry' akarere batuyemo.
Ibyo bikaba bivuze ko hari **ibyo bategereje bigomba guhinduka** mu mibereho yabo. Kandi impinduka zigomba guhera no muri mwebwe ubwanyu, muhindura imyumvire, imikorere, kugira amatwara mashya **aganisha ku musaruro ugaragara** ushingiye ku bipimo bifatika kandi bigaragara muri iyi mandat y'imyaka 5.
Ibyo rero birasaba gahunda
n'igenamigambi bya buri mwaka.
Bikaba ari byo gushima,
ko ubwo abagize Nyobozi bahuraga na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika i MURAMBI, bariyemeje gushyiraho gahunda y'umuhigo w'uyu mwaka, twafata nka kontaro irimo icyo biyemeje kugeraho mu buryo bufatika.
Nk'abagize urwego rukuru nka Njyanama, ndabasaba kuzabafasha uko bikwiye kubigeraho mukoresheje ububasha muhabwa n'amategeko.

Muri iki gihe, umuyobozi agomba kuba umuntu werekana umusaruro mw'iterambere ry'abo ashinzwe. Akababonera umwanya ukwiye wo kubumva, kujya inama nabo, kubaha servisi bakeneye no kubakemurira ibibazo batagombye kwinginga, gutegereza no gusiragira mu nzego zo hejuru kandi byakagombye kenshi kurangizwa n'inzego zo mu karere;

Nk'abayobozi ba Njyanama, mufite rwose inshingano zo kumenya ko nta burangare cyangwa akarengane, bigacika burundu.
Birababaza kubona iyo Umuyobozi Mukuru agiye gusura akarere runaka asanga abaturage batonze umurongo kugirango bamutakambire bamugezaho ibibazo byabuze ubikemura kandi ababifitiye ububasha bari aho.

Kandi hari uburyo bwinshi bwashyizweho bwashobora kugira ibyo bworoshya nk'urugero rw'abunzi mbasaba rwose
Gushyigikira no gukoresha neza kuko , rwashyiriweho gufasha abaturage kwikemurira ibibazo, gushimangira umubano n'ubwumvikane, kubarinda imanza zitari ngombwa zitaretse no kubatesha umwanya cyangwa igihe bagakoresheje ku murimo ubateza imbere.
Ngirango turemeranywa ko inzego z'abunzi nizikora neza mu karere kanyu, muzabona umwanya uhagije wo kwita ku iterambere

Ikindi numva mugomba guharanira guteza imbere mu turere mushinzwe ni imyifatire y'umuyobozi ugomba

- kurangwa n'ibakwe
- kuba inyangamugayo
- kumenya kwiyubaha ntiyiyandarike no
- kwubaha abo ayobora n'uburenganzira bwabo,
- akamenya ko inshingano ye ya mbere ari ukurengera inyungu z'abo ashinzwe, ntazitiranye n'ize bwite cyangwa ngo abe arizo ashyira imbere , ariko kandi akamenya no kubahwitura .

Mu byo mukora byose, muzihatire gukorera hamwe, muguhuriza hamwe ibikorwa, mwirinda gusobanya no guhangana, iteka muzirikana ko musenyera umugozi umwe
ariwo : **Inyungu z'umuturage.**

Nkaba ngirango **mpinire aha** nongera **gushimira** mu izina ryanyu mwese
abateguye uyu munsi bose cyane cyane abaduhaye iki cyicaro gishya.
Nkaba kandi mboneyeho kubasaba
ko **iki kigo nacyo cyazabyazwa umusaruro**, kigakorerwa gahunda zihoraho zifatika Guverinoma izakomeza kubashyigikira kugirango iki kigo kizakomeze gutera imbere kandi kizatere indi ntambwe nk'uko mwabyifuje yo kuba intangarugero mu Rwanda no mu karere k'ibihugu duturanye.

Mbifurije amahugurwa meza
kandi mugire umunsi mwiza.
Murakoze.